

Ibaruwa ya Perezida wa Repubulika yandikiye Bwana Visenti Duclert ku italiki ya gatanu, mata, 2019

Nyakubahwa Mwalimu,

Tariki ya 7 mata 2019, u Bufaransa buzifatanya n'u Rwanda kwibuka ku nshuro ya 25 jenocide yakorewe Abatutsi. Mu minsi ijana, icyo cyago Loni itashoboye kubuza ikananirwa no kugihagarika, cyahitanye abantu bageze hafi umulioni. U Bufaransa buhora bwitwararitse igikorwa cyo kwibuka abapfuye, guha icyubahiro ishema ry'abarokotse n'ubutwari bagize mu kwiungu

Ndashaka ko kwibuka ku nshuro ya 25 biba umwanya w'impinduka nyakuli mu buryo dufata kandi tukigisha jenocide yagiriwe Abatutsi, hakabaho akarusho mu buryo twita ku kababaro k'abapfuye no ku byifuzo by'abarokotse.

Nkuko nari nabyiyemeje ku itariki ya 24 gicurai umwaka wa 2018, igihe nahuraga na Nyakubahwa Prezida Paul Kagame i Paris, ndashaka nkomeje ko jenocide yagiriwe Abatutsi ihabwa umwanya ukwiye mu mateka yacu. Ibyo bisaba ko tuyimenya kurushaho, tugasobanukirwa uko ikintu nkicyo gitegurwa kugirango tuyigishe abantu mu Bufaransa kandi dutoze ababyiruka umuco wo guhora bari maso.

Rapport yakozwe n'itsinda mwayoboye ku myigishirize ya jenocide n'ubundi bwicanyi ruhonyanganda, yadushyiriho ibuye rya mbere. Kuva aho isohokeye, jenocide yagiriwe Abatutsi yashyizwe ku rutonde rw'amasomo yigishwa mu mwaka wa nyuma w'amashuri makuru.

Iyo ntambwe yabaye ingira kamaro. Ikigomba gukurikiraho ni ukureba ibyo inyandiko zibitse ibyo u Bufaransa bwakozwe mu Rwanda hagati y'imyaka 1990 na 1994 bitwigisha. Kugirango bikorwe, nshyizeho itsinda ry'abashakashatsi b'Abafaransa muzakorana kandi ukanabayobora.

Ibyo iryo tsinda rishinzwe :

- 1. Gukora ubushakashatsi aho hose habitse inyandiko zerekeranye n'u Bufaransa mu Rwanda mu gihe cya jenocide cyangwa mbere*
- 2. Gukora rapport izaba irimo ibikurikira :*
 - Nk' abashakashatsi b'amateka, kuvuga uko mubona izo nyandiko.*

- Gusesengura uruhare n'ubwitange bw'u Bufaransa mu Rwanda muli ibyo bihe, mubigereranya n'ibyakoze n'abandi bari bariyeumeje gutanga inkunga mu Rwanda muli icyo gihe.
- Kuvugurura isesengura ry'amateka y'imizi ya jenocide yakorewe abatutsi, iyari isanzwe n'iyashamikiye ku bihe u Rwanda rulimo, uko yashyizwe mu bikorwa, ibyo byose ari ukugirango tumenye uko ishyano nk'iryo ritegurwa, uko ayao mateka yigishwa, cyane cyane urubyiruka

Mbasabye kuba mwarangije icyo gikorwa mu myaka ibiri. Nimurangiza muzagira rapport izashyirwa ahagaragara.

Kugirango mushobore gukora umulimo musabwe, buli wese azaba afite ku buryo budasanzwe kandi mu ibanga, uruhusa rwo guhabwa no gusoma izo inyandiko zivuga uko u Bufaransa bwitwaye mu Rwanda hagati y'imyaka 1990 na 1994. Muli izo nyandiko harimo mu ngoro y'umukuru w'igihugu (Elysée), izo muli Ministère y'intebe, ministère ireba iby'u Bulayi n'ububanyi n'amahanga, ministère y'ingabo ndetse n'iz'itsinda ry'intumwa z'abaturage ryigeze gushyirwaho ngo ryige ikibazo cy'uruhare rw'u Bufaransa mu byabaye mu Rwanda (la MIP).

Mu mulimo wanyu kandi muzifashisha inkunga muzahabwa na Ministère z'ingabo, ububanyi n'amahamanga n'uburezi, icyiciro cy'amashuri yisumbuye, ubushakashatsi n'ikorana buhanga, kimwe n'ibigo bishinzwe gushyingura inyandiko uzakenera..

Muzagire umusaruro mwiza muli ako kazi

Emmanuel MACRON

4 juillet 2024. Traduction réalisée par le Dr Marcel KABANDA, historien.